
RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

**2022** Taliki 01-08 Nzeri




P 2-3. Handball: Ikipe ya Misiri yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 18

# Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football:** Habaye imikino y'umunsi wa kabiri ya shampiyona

P1 **Amagare:** Hatangajwe abakinnyi bazaserukira u Rwanda muri shampiyona y'Isi

P2 **Handball:** Ikipe ya Misiri yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 18

P4 **Basketball:** Patriots BBC yatsinze REG BBC mu mukino wa mbere wa Playoffs 2022

P4 **CHAN 2023:** Ikipe y'u Rwanda yabuze itike

P5 **Koga:** Koga: Les Dauphins na CSK zatoje abanyeshuri bari mu biruhuko

P6 **Triathlon:** Iradukunda na Nyirarukundo begukanye "Gicumbi Duathlon Challenge 2022"

## 1 Football: Habaye imikino y'umunsi wa kabiri ya shampiyona

Taliki 06 kugeza 08 Nzeri 2022 hakinwe imikino y'umunsi wa kabiri ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo "Rwanda Primus National League 2022-2023".

Mu mikino yabaye ikipe ya Kiyovu yitwaye neza itsinda Espoir FC igitego 1-0 cyatsinzwe na Nshimirimana Ismail "Pitchou". Ikipe ya Rayon Sports na yo yitwaye neza itsinda Police FC igitego 1-0 cyatsinzwe na Leandre Willy Essomba Onana.

Imikino itarabashije kuba ni umukino wagombaga guhuza ikipe ya APR FC na Bugesera FC ndetse n'umukino AS Kigali yagombaga gukina na Mukura. Iyi mikino yasubitswe kuko aya makipe yombi, APR FC na AS Kigali agomba gukina imikino y'Afurika mu mpera z'iki cyumweru.

Ikipe ya AS Kigali iri muri Djibouti aho taliki 10 Nzeri 2022 izakina naASAS Djibouti Télécom mu mikino y'Afurika y'amakipe yitwaye neza iwayo "TotalEnergies CAF Confederation Cup 2022-2023".

Ikipe ya APR FC ihagarariye u Rwanda muri "TotalEnergies CAF Champions League 2022-2023" izakira na US Monastir yo muri Tunizia mu mukino ubanza uzabera i Huye taliki 10 Nzeri 2022.

Imikino y'umunsi wa 3 biteganyijwe ko izakinwa taliki 13 kugeza 15 Nzeri 2022.

**Uko imikino y'umunsi wa kabiri yagenze**
**Taliki 06-09-2022**

- Gasogi United **1-1** Etincelles FC
- Musanze FC **3-1** Marines FC
- Rwamagana City FC **0-1** Rutsiro FC
- Sunrise FC **1-1** Gorilla FC

**Taliki 07-09-2022**

- Kiyovu **1-0** Espoir FC

**Taliki 08-09-2022**

- Police FC **0-1** Rayon Sports



Abakinnyi ba Rayon Sports ubwo bishimiraga intsinzi ku mukino wa Police FC

## Amagare: Hatangajwe abakinnyi bazaserukira u Rwanda muri shampiyona y'Isi

Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ryashyize ahagaragara abakinnyi 10 bazaserukira u Rwanda muri shampiyona y'Isi y'umukino wo gusiganwa ku magare mu muhanda "UCI Road World Championships 2022" izabera i Wollongong muri Australia kuva taliki 18 kugeza 25 Nzeri 2022.

**Urutonde rw'abakinnyi batoranyijwe**
**Abangavu (Women Juniors)**

- Uwera Aline
- Umwamikazi Djazila

**Ingimbi (Men Juniors)**

- Tuyizere Hashimu
- Shyaka Janvier

**Abatarengeje imyaka 23 (Men U-23)**

- Iradukunda Emmanuel
- Uhiriwe Byiza Renus

**Abakobwa bakuru (Women Elite)**

- Tuyishime Jacqueline
- Ingabire Diane

**Abagabo (Men Elite)**

- Manizabayo Eric
- Mugisha Moise






# 2 Handball: Ikipe ya Misiri yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 18

Ikipe ya Misiri yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 18 mu mukino wa Handball nyuma yo gutsinda ku mukino wa nyuma ikipe y'u Rwanda ibitego 51 kuri 29.

Iri rushanwa ry'Afurika ryari ribaye ku nshuro ya 18 « U-18 African Men's Handball Championship Rwanda 2022 » ryatangiye taliki 31 Kanama risozwa 06 Nzeri 2022. Ikipe ya Misiri yongeye kwegukana iki gikombe dore ko ari yo yari yacyegukanye muri 2018 ikaba yaratsinze ikipe y'u Rwanda ibitego 51 kuri 29.

Mbere y'imikino ya nyuma, taliki 05 Nzeri 2022, Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame yakiriye muri Village Urugwiro Umuyobozi w'impuzamashyirahamwe y'umukino wa Handball muri Afurika « CAHB », Dr Mensourou Aremou wari uri mu Rwanda aho yari yitabiriye imikino y'Afurika mu batarengeje imyaka 20 ndetse na 18.

Uyu Muyobozi wa CAHB, Dr Mensourou Aremou yari aherekejwe n'Umunyamabanga Uhoraho muri MINISPORTS, Shema Maboko Didier ndetse na Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda « FERWAHAND », Twahirwa Alfred.
Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame akaba yarakurikiranye umukino wa nyuma wahuje ikipe ya Misiri n'u Rwanda muri BK Arena.

Iyi kipe ya Misiri yari yageze ku mukino wa nyuma itsinze ikipe y'u Burundi muri ½ ku bitego 66 kuri 22 naho ikipe y'u Rwanda ikaba yari yasezereye Maroc iyitsinze ibitego 35 kuri 34. Iyi kipe ya Maroc ni yo yegukanye umwanya wa 3 itsinda ikipe y'u Burundi ibitego 41 kuri 34.

Iri rushanwa ryari ryitabiriwe n'amakipe 8 aho yashyizwe mu matsinda abiri, itsinda A ryari rigizwe na Maroc, Libiya, Uganda n'u Burundi naho itsinda B rikabamo ikipe y'u Rwanda, Misiri, Algeria na Madagascar.
Uko amakipe yakurikiranye

**1.** Misiri
**2.** Rwanda
**3.** Maroc
**4.** Burundi
**5.** Algeria
**6.** Uganda
**7.** Libiya
**8.** Madagascar

Amakipe 4 ya mbere, Misiri, u Rwanda, Maroc n'u Burundi ni yo azahagararira Afurika mu mikino y'igikombe cy'Isi « IHF Men's Youth World Championship 2023 » izabera muri Croatia.




Ubwo ikipe y'u Rwanda yakinaga na Misiri ku mukino wa nyuma



Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame yakurikiranye umukino wa nyuma wahuje u Rwanda na Misiri




Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame yakiriye Umuyobozi wa CAHB n'abari bamuherekeje

**Komeza kuri P.3**

# Handball: Ikipe ya Misiri yegukanye igikombe cy'Afurika mu batarengeje imyaka 18

Ibikurikira P.2











**Uko imikino y'Afurika U-18 yagenze**

**Taliki 30-08-2022**

- Libiya **28-35** Uganda
- Misiri **43-19** Algeria
- Rwanda **53-32** Madagascar
- Maroc **10-0** Burundi

**Taliki 31-08-2022**

- Algeria **42-19** Madagascar
- Burundi **32-32** Libiya
- Maroc **45-24** Uganda
- Misiri **44-30** Rwanda

**Taliki 02-09-2022**

- Uganda **39-50** Burundi
- Misiri **64-14** Madagascar
- Maroc **43-34** Libiya
- Rwanda **30-30** Algeria

**Taliki 04-09-2022**

**Imikino ya ½**

- Misiri **66-22** Burundi
- Maroc **34-35** Rwanda

**Taliki 05-09-2022**

**Umwanya wa 7&8**

- Libiya **24-20** Madagascar

**Umwanya wa 5&6**

- Uganda **31-44** Algeria

**Taliki 06-09-2022**

**Umwanya wa 3&4**

- Maroc **41-34** Burundi

**Umukino wa nyuma**

- Misiri **51-29** Rwanda

## Basketball: Patriots BBC yatsinze REG BBC mu mukino wa mbere wa Playoffs 2022

Taliki 07 Nzeri 2022 ni bwo hatangiye imikino ya nyuma ya "Playoffs 2022" mu bagabo n'abagore.

Ikipe ya Patriots BBC ni yo yatangiye neza mu cyiciro cy'abagabo itsinda REG BBC umukino wa mbere ku manota 75 kuri 70.

Mu bagore, ikipe ya REG BBC yitwaye neza itsinda APR BBC umukino wa mbere ku manota 60 kuri 57.

Imikino izakomeza taliki 10 Nzeri 2022 ahateganyijwe umukino wa kabiri. Mu bagore, ikipe ya APR BBC izakira REG BBC saa kumi n'ebyiri (18h00) naho mu bagabo, REG BBC yakire Patriots BBC saa mbiri (20h00).

Aya makipe yageze ku mukino wa nyuma wa "Playoffs 2022" nyuma yo kwitwara neza muri ½ aho mu bagabo ikipe ya Patriots BBC yasezereye Tigers BBC iyitsinze imikino 2-0 naho REG BBC igasezerera APR BBC iyitsinze imikino 2-1.

Mu bagore, ikipe ya REG BBC yasezereye The Hoops iyitsinze imikino 2-0 naho APR BBC na yo isezerera IPRC Huye iyitsinze imikino 2-0.

Mbere y'imikino ya nyuma y'umunsi wa kabiri wa "Playoffs 2022" hateganyijwe imikino yo guhatanira umwanya wa gatatu. Iyi mikino izaba taliki 10 Nzeri 2022, mu bagore ikipe ya The Hoops izakina na IPRC Huye (14h00) naho mu bagabo Tigers BBC ikine na APRBBC (16h00). Iyi mikino yose izabera muri BK Arena.

**Uko imikino ya nyuma yagenze**
**Taliki 07-09-2022**
**Mu bagore**

- REG BBC 60-57 APRBBC

**Mu bagabo**

- Patriots BBC 75-70 REG BBC

**Taliki 10-09-2022**
**Mu bagore**

- APR BBC-REG BBC (BK Arena-18h00)

Mu bagabo

- REG BBC-Patriots BBC (BK  Arena-20h00)



## CHAN 2023: Ikipe y'u Rwanda yabuze itike

Ikipe y'u Rwanda "Amavubi" yabuze itike yo kuzitabira imikino ya nyuma y'Afurika y'abakinnyi bakina imbere mu gihugu "CHAN 2023" izabera muri Algeria nyuma yo gusezererwa n'ikipe y'igihugu ya Ethiopia ku gitego 1-0 mu mikino yombi.

Ku wa Gatandatu taliki 03 Nzeri 2022 ni bwo habaye umukino wo kwishyura ubera kuri Sitade mpuzamahanga ya Huye. Ikipe ya Ethiopia yitwaye neza itsinda u Rwanda igitego 1-0 cyatsinzwe na Dawa Hutessa Dukele ku munota wa 23.

Ikipe ya Ethiopia yahise ikatisha itike yo kuzitabira imikino ya nyuma ya CHAN 2023 ku gitego 1-0 mu mikino yombi kuko umukino ubanza wari wabereye i Dar Es Salaam muri Tanzania taliki 26 Kanama 2022 amakipe yombi yari yanganyije 0-0.

Ikipe ya Ethiopia yaheruka kubuza u Rwanda kwitabira CHAN muri 2014 ubwo mu gushaka itike iyi kipe ya Ethiopia yasezereye u Rwanda kuri penaliti 6-5 nyuma yo kunganya igitego 1-1 mu mikino yombi.

Gusa muri 2017 mu gushakaga itike ya CHAN 2018, ikipe y'u Rwanda yasezereye Ethiopia ku bitego 3-2 mu mikino yombi ndetse no muri 2019 mu gushaka itike ya CHAN 2020, ikipe y'u Rwanda iyibona isezereye Ethiopia ku bitego 2-1 mu mikino yombi.

Iri rushanwa rigiye kuba ku nshuro ya 7 ubu ni ubwa gatatu ikipe y'u Rwanda ibuze itike nyuma ya 2009 na 2014. Iyi kipe y'u Rwanda ikaba yari imaze inshuro 3 zikurikiranya ibona itike yo kwitabira CHAN (2016,2018 na 2022). Ku nshuro ya mbere yitabiriye CHAN muri 2011 ikaba yari inshuro ya kabiri irushanwa rikinwe muri rusange.

Ku nshuro ya mbere iri rushanwa rikinwa muri 2009 hitabiriye amakipe 8, muri 2011 ubwo ryabaga bwa kabiri agirwa 16 ubu amakipe 18 akaba ari yo azakina CHAN 2023. Aya makipe ni Algeria izakira irushanwa, Maroc, Libiya, Senegal, Mali, Mauritania, Côte d'Ivoire, Niger, Ghana, Cameroun, Congo Brazzaville, RDC, Uganda, Sudan, Ethiopia, Mozambique, Angola na Madagascar.



# Koga: Les Dauphins na CSK zatoje abanyeshuri bari mu biruhuko

Taliki 4 Nzeri 2022 amakipe ya Les Dauphins ikorera kuri Pisine ya Sanitas ndetse n'ikipe ya Cercle Sportif de Kigali ikorera mu Rugunga zombi zo mu Mujyi wa Kigali zasoje amasomo ajyanye no kwigisha uburyo abakinnyi bakina umukino wo Kogera muri Pisine mu buryo bwa kinyamwuga.

Aya makipe yombi akaba yaribanze by'umwihariko mu kwigisha abakiri bato nk'icyerekezo cy'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" ryifuza ko mu myaka 5-10 u Rwanda ruzaba rufite abakinnyi bahagije baruhagararira mu mikino mpuzamahanga kandi bari ku rwego rwo kwegukana intsinzi.

Igikorwa nk'iki amakipe atandukanye yo mu Mujyi wa Kigali azwiho kugikora, aho ahuriza hamwe abanyeshuri bari mu gihe cy'ibiruhuko by'umwihariko ibiruhuko bikuru aho bamara igihe gihwanye n'amezi abiri (2) bahugurwa n'abatoza b'inzobere ibijyanye n'uyu mukino.

Mu gihe kingana n'amezi 2 aba banyeshuri bari mu byiciro bitandukanye guhera ku myaka 3 kugeza kuri 15 bahawe amasomo ajyanye n'uko umukinnyi yatangira Koga (ku bakiri bato bakibyiga) ndetse n'amayeri anyuranye akoreshwa muri uyu mukino ku bakinnyi babimazemo igihe.

Aha hibandwaga ku buryo bakina bakoresha igihe gito gishoboka, ugereranyije n'icyo basanzwe bakoresha bitoza, kuko mu gihe cy'amarushanwa aribyo birebwaho.

Uretse gusoza aya masomo yo mu biruhuko, ikipe ya Les Dauphins yanishimiraga imyaka 24 imaze ishinzwe kuva mu 1998 aho yashingiwe muri Hotel Novotel ku Kacyiru.

Kimwe mu byo iyi kipe yishimira ni uko n'Umuyobozi wa RSF, Madamu Girimbabazi Rugabira Pamela ari yo yazamukiyemo nk'umukinnyi.

Umunyamabanga Mukuru wa RSF, Bazatsinda James agaruka kuri ibi bikorwa byombi n'icyo babyitezeho, yagize ati: "Nk'abakinnyi bakiri bato, icyo RSF mpagarariye ibifuzaho, ni uko mu gihe kizaza aribo bazaduhesha ishema".

Kugeza ubu, ikipe ya Les Dauphins ifite abakinnyi bari hagati y'imyaka 3 na 15 basaga 60 mu gihe iya Cercle Sportif de Kigali bagera kuri 50.

Mu gushyigikira aba bana, ababyeyi babo nabo bari baje kwirebera uburyo bashyira mu bikorwa ibyo bize aho bahawe impamyabumyi igaragaza ko ibyo bize babifashe.





6

# Triathlon: Iradukunda na Nyirarukundo begukanye "Gicumbi Duathlon Challenge 2022"

Ku Cyumweru taliki 04 Nzeri 2022, ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon mu Rwanda "RTF" ryateguye irushanwa rya gatatu muri uyu mwaka w'imikino ribera mu Karere ka Gicumbi "Gicumbi Duathlon National Championship Challenge 2022".

Iradukunda Eric mu bagabo na Nyirarukundo Rosette mu bagore ni bo bitwaye neza begukana iri siganwa, aba bombi bakaba bakinira ikipe ya Cercle Sportif de Karongi.

Abitabiriye iri rushanwa basiganwe intera ya kilometero 10 muri rusange ni ukuvuga, kilometero 2.5 mu kwiruka n'amaguru, kilometero 5 mu gusiganwa ku igare nyuma basoza basiganwa intera ya kilometero 2.5 ku maguru.

Mu bagabo, Iradukunda Eric ni we wegukanye umwanya wa mbere akoresheje isaha imwe, iminota 10 n'amasegonda 36. Ku mwanya wa kabiri haje Hakizimana Felicien wari wegukanye irushanwa riheruka ry'i Huye akaba yarakoresheje isaha 1, iminota 10 n'amasegonda 39 naho ku mwanya wa 3 haza Tuyisenge Samuel wakoresheje isaha 1, iminota 11 n'amasegonda 48. Nyuma yo kwitwara neza, Iradukunda Eric yatangaje ko icyamufashije kwegukana iri siganwa ari imyitozo ikomeye yari amaze iminsi akora kandi ko n'ubuyobozi bw'ikipe bubitaho mu buryo bushoboka bwose.

Mu bagore, Nyirarukundo Rosette ni we wegukanye umwanya wa mbere aho yakoresheje isaha 1, iminota 45 n'amasegonda 18. Ku mwanya wa kabiri haje Ary Wahidah Dhinira ukinira ikipe ya Rubavu wakoresheje amasaha 2, iminota 19 n'amasegonda 47.

Nyirarukundo yavuze ko yishimye kuko ari ku nshuro ya mbere yegukanye irushanwa nk'iri, kuko ubusanzwe yasiganwaga ku magare gusa akaba ari ubwa mbere yitwaye neza mu mukino wa Duathlon.

Mu cyiciro cy'abafite ubumuga "Para-Duathlon", Ntageruka Alphonse ni we wegukanye irushanwa naho mu bakiri bato irushanwa ryegukanwa na Munyaneza Alain. Ubwo hatangwaga ibihembo by'abitwaye neza , umukinnyi Lupez Tognama ukomoka muri Central African Republic yashimiwe nk'umukinnyi ukomoka hanze y'u Rwanda waje guhatana muri iri rushanwa.

Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon mu Rwanda "RTF", Mbaraga Alexis yatangaje ko abatuye i Gicumbi berekanye ko bamaze gusobanukirwa uko umukino ukinwa kuko bagaragaje ibyishimo kuva irushanwa ritangiye kugeza risojwe.

Mu Karere ka Gicumbi hashinzwe ikipe nshya ku bufatanye bw'ubuyobozi bw'aka Karere ndetse n'umufatanyabikorwa VAF, ikigo gikora ubworozi bwa kijyambere. Perezida RTF, Mbaraga avuga ko ari ibyo kwishimira kuko iyo habonetse abafatanyabikorwa bashinga ikipe byerekana ko ibyo bakora bihabwa agaciro kandi n'ibikorwa byabo bikaba bikomeje kwaguka.

Iri rushanwa "Gicumbi Duathlon National Championship Challenge 2022" ryabaye nyuma y'andi marushanwa abiri arimo iryabereye i Karongi ndetse n'i Huye. Nyuma y'iri rushanwa biteganyijwe ko hazakurikiraho irushanwa rizabera mu Karere ka Rwamagana.



RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave